1005

253

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IMIGAMBI
YA LETA

# Ikubirahamwe rihinnye ry'ibyagezweho mu gihe cy'umugambi wa gatatu wo gutsura amajyambere (1982-1986)

*Kamena 1988*

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IMIGAMBI
YA LETA

# Ikubirahamwe rihinnye ry'ibyagezweho mu gihe cy'umugambi wa gatatu wo gutsura amajyambere (1982-1986)

*Kamena 1988*

# AMASHAKIRO


I. Ubukungu rusange .......................................... 1

1.1. Imizamukire y'ubukungu bw'igihugu .......................... 1

1.2. Imiringanire y'ubuhahirane bwacu n'amahanga .................. 1

1.3. Imari yashowe mu bikorwa by'amajyambere ...................... 2

1.4. Guhanga imirimo ............................................ 4

II. Ibyagezweho muri buri rwego rw'ubukungu ....................... 5

2.1. Urwego rw'ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba ..................... 5

2.1.1. Umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo n'uw'ubworozi ............. 5

2.1.2. Ibihingwa nzamurabukungu .................................. 5

2.1.3. Amashyamba ............................................... 9

2.2. Urwego rw'inganda n'imyuga .................................. 9

2.3. Urwego rw'amazi n'ingufu .................................... 10

2.4. Urwego rw'imirimo ya Leta n'amazu ........................... 12

2.5. Ubucuruzi, amahoteri n'ubukerarugendo ........................ 13

2.6. Gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho ........................ 15

2.7. Urwego rw'amabanki ......................................... 16

2.8. Urwego rw'uburezi .......................................... 17

2.9. Urwego rw'ubuvuzi .......................................... 19

2.10. Urwego rwo gukangurira abaturage amajyambere ................. 20

2.11. Urwego rw'umuco, ubuhanzi n'imyidagaduro .................... 21

2.12. Ubucamanza ................................................ 22

III. Isaranganya ry'imishinga mu turere tw'igihugu ................. 23

3.1. Intangiriro ................................................ 23

3.2. Ibigomba gusobanurwa muri rusange ............................ 24

A. Igihe iri saranganya ribera .................................. 24

B. Ibyakurikijwe mw'isaranganya ry'imishinga mu turere tw'igihugu ... 24

C. Ubuhwike bw'imibare yatanzwe .................................. 24

D. Ifaranga ryakoreshejwe ........................................ 25

3.3. Ibyo tubwirwa n'iyi nyandiko ................................. 25

A. Imishinga yakozwe ............................................ 25

B. Uko amaperefegitura akurikirana ............................... 25

C. Uko inzego z'akazi zikurikirana ............................... 25

D. Umubare w'imishinga ya buri Prefegitura ........................ 26

3.4. Ibigaragarira muri iyi nyandiko ............................... 27

3.4.1. Ibyerekeye iringaniza ry'uturere ............................ 27

3.4.1.1. Uko amaperefegitura yagiye akurikirana kuva muwa 1966 hakurikije ingano y'imari yashowe mu mishinga ........................ 27


.../...

3.4.1.2. Ibyagiye biranga amaperefegitura .......................... 27
3.4.2. Inzego z'akazi n'ingamba z'amajyambere .......................... 28
3.4.2.2. Inzego z'akazi .......................................... 28
Umugereka .......................................... 31
Imbonerahamwe n° 1 .......................................... 31
Imbonerahamwe n° 2 .......................................... 32
Imbonerahamwe n° 3 .......................................... 33

## IBYAGEZWEHO N'UMUGAMBI WA GATATU W'IMYAKA ITANU (1982 - 1986) MU MAGAMBO AVUNAGUYE

## I. UBUKUNGU RUSANGE

### 1.1. Imizamukire y'ubukungu bw'igihugu

Mu gihe cy'imyaka itanu y'umugambi wa gatatu, ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse buhoro mu kigero cya 3,3% buri mwaka ugereranije n'imizamukire yabwo yanganaga na 6,5% buri mwaka hagati ya 75 na 80.

Intego y'umugambi wa gatatu muri urwo rwego ntabwo yagezweho. Umubare wari uteganijwe ni 4,8% buri mwaka.

Iyo dusuzumye twitonze dusanga uko kuzamuka k'ubukungu kudahagije guturuka ku miterere y'urwego rw'ubuhinzi rubangamiwe cyane no gusubira inyuma k'uburumbuke bw'ubutaka, ihindagurika ry'ibihe nk'izuba ryinshi ryaviriye imburagihe muri 1984 rigatuma umusaruro w'ibihingwa ngandura-rugo ugabanukaho 10,5% ugereranije n'uwari waragezweho muri 1983. Hagati ya 81 na 86, urwego rw'ubuhinzi rwazamutseho 2,34% gusa buri mwaka.

Muri rusange iyo mizamukire y'urwego rw'ubuhinzi idahagije yunganiwe n'umusaruro mwiza wabonetse mu rwego rw'inganda n'ubukorikori. Urwo rwego rwazamutse buri mwaka ho 6,7%. Kiriya kigereranyo cy'imizamukire y'ubukungu twatanze hejuru cyakunze guhindagurika buri mwaka. Hagati ya 82 na 84 byari bikomeye kuko wasangaga umusaruro utava aho uri ahubwo uranagabanuka buhoro muri 84. Muri 1985 byarahindutse kuko ubukungu bw'igihugu bwazamutseho 9,4% umubare utari warigeze ugerwaho guhera muri 1976. Cyakora uwo mubare waje kugwa ku bice 4,5% muri 1986. Iyo ntambwe yatewe muri 1985 ndetse no muri 1986 tuyikesha ahanini ibihe byabaye byiza, imvura ikagwa ku buryo bushimishije nyuma y'amapfa yo muri 84. Nko muri 85 umusaruro wo mu rwego rw'ubuhinzi wazamutseho 11,4% ugera kuri toni miliyoni 4,4. N'ubwo wabaye mwiza bwose ugereranije n'uwo muri 84, wagumye munsi y'uwo twari twaragezeho muri 1983, ni ukuvuga toni miliyoni 4,7.

### 1.2. Imiringanire y'ubuhahirane bwacu n'amahanga

Hagati ya 80 na 85, ubuhahirane bwacu n'amahanga bwaje mo ubusumbane ku buryo amafaranga y'amadovize twasohoye muri iyo myaka yaruse ayo twinjije. Amadovize yacu yagabanutseho ho miliyoni 1.268 uyavunje mu manyarwanda. Muri 1986 byarahindutse kuko ayinjiye yose hamwe yarenze ayasohotse ho 2,7 miliyari.

Iyo dusesenguye twitonze ikibazo u Rwanda rufite mu byerekeye ubuhahirane bwarwo n'amahanga n'imiringanire yabwo uko

.../...

imyaka ihita dusanga biteye bitya:

1. Ikibazo kidukomereye ni uko amadovize dukura mu byo twohereza mu mahanga atiyongera nk'uko ubukungu rusange bw'igihugu buzamuka. Ibyo bituma icyuho kiri hagati y'ibyo twohereza mu mahanga n'ibyo tuvanayo kigenda cyiyongera. Mu gihe cy'umugambi wa gatatu, icyo cyuho cyari mu kigero cya 11,7% cy'umutungo wose w'igihugu na 103,4% cy'ibyo twohereza mu mahanga. Mu bindi bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere iyo mibare yari 5% na 25% hagati ya 80 na 84.

2. Icyo cyuho kiri hagati y'ibyo dukura n'ibyo twohereza mu mahanga kiragabanuka cyane iyo wongereye ku mafaranga aturuka ku byo twohereje hanze, imfashanyo duhabwa n'ibihugu n'imiryango y'inshuti. Icyo cyuho kiva kuri 11,7% kigasigara ari 3,8% by'umutungo wacu. Iyi mibare ni iyo hagati ya 80 na 86.

3. Twaje gusanga andi mafaranga yinjira mu Rwanda uretse imfashanyo yaraduhagije kugira ngo dusibanganye icyuho cyasigaraga tumaze kongera imfashanyo ku madovize ava ku byo twohereza mu mahanga. Ibyo bigaragazwa n'uko mu mpera z'umugambi wa gatatu amadovize igihugu cyari gifite atari atandukanye n'ayo mu ntangiriro zawo. Ibyo ariko byaje gushoboka kubera imyenda myinshi twafashe hanze mu gihe cy'uyu mugambi turangije. Muri biriya twita "Andi mafaranga yinjira" 60% yayo hagati ya 80 na 86 ni inguzanyo. Icyo kigereranyo kandi kiragenda cyiyongera cyane kuko cyavuye kuri 26% muri 80 kikagera kuri 79% muri 86 kimaze gusingira 87% muri 85. Imibare dufite ubu itwereka ko icyo kigereranyo cyarenze 90% muri 1987. Amafaranga aturuka mu mahanga yinjijwe n'abikorera ku giti cyabo aracyari make cyane.

Umwenda u Rwanda rufitiye amahanga wazamutseho 22% buri mwaka hagati ya 78 na 86. Imibare dufite itwereka ko amafaranga tugomba kwishyura buri mwaka mu bihe biri imbere azasingira 20% y'ibyo twohereza mu mahanga mbere y'umwaka wa 2000. Icyo gihe ikibazo cy'umwenda w'amafaranga kizatangira kutubana ingorabahizi. Niyo mpamvu dukwiye kwitondera imyenda tugafata ikwiranye n'ubushobozi bwacu bwo kwishyura.

1.3. <u>Imari Yashowe mu Bikorwa by'Amajyambere</u>

Kugerageza kubarura imari twashoye mu bikorwa by'amajyambere mu gihe cy'umugambi wa gatatu ni kimwe mu byo twitayeho cyane muri iyi raporo. Ahanini twashakaga kureba uko imbaraga zacu zingana kugira ngo dushobore kubahiriza icyifuzo cy'Umukuru w'Igihugu uhora adusaba gutegura imigambi y'amajyambere dushingiye ku mbaraga zacu, imfashanyo y'amahanga ikaza ari inkunga. Twagerageje

.../...

rero kubikora muri ubwo buryo twerekana ubushobozi bwa buri hantu hose dukura amafaranga dushora mu bikorwa by'amajyambere. Ibyo bizatuma tumenya uko imbaraga zacu tuzaheraho dutegura umugambi wa kane zingana tunashobore kugereranya dushyize mu gaciro inkunga y'amahanga.

Muri rusange imari yo gushora mu bikorwa byo gutsura amajyambere yegeranijwe ku buryo buhagije mu gihe cy'umugambi wa gatatu kuko 73,2% by'ayari ateganijwe yabonetse. Uwo mubare w'ikigereranyo rusange urahindagurika cyane iyo dusuzumye amafaranga twashoboye kubona dukurikije aho ava. Aho bikabije ni ku byerekeye uruhare rw'abikorera ku giti cyabo hamwe n'ibigo bya Leta cyangwa se Leta ifatanijemo n'abikorera kuko usanga hagati ya 82 na 85, amafaranga bimbitse angana na 192% y'ayo umugambi wabateganirizaga mu myaka itanu 82-86. Ibyo birerekana ubumenyi buke twari dufite bw'urwego rw'abikorera dutegura umugambi wa gatatu.

Naho ku byerekeye imyenda dufata hanze/hamwe n'amafaranga aturuka ku ngengo y'imari yo gutsura amajyambere, igiteganyo cy'umugambi wa gatatu cyari gihambaye cyane kuko twashoboye kugera kuri 34,7% na 48% gusa. Imfashanyo duhabwa n'ibihugu hamwe n'imiryango y'inshuti nizo zari ziteganijwe ku buryo buringaniye koko twashoboye kugera kuri 90% z'ayo twari twateganije.

Muri iri suzuma twaje gusanga uruhare rw'abikorera ku giti cyabo mu mirimo yo gutsura amajyambere y'u Rwanda rwarangannye na 33% y'imari yose yakoreshejwe. Bafite rero uruhare rukomeye. Niyo mpamvu ingamba z'amajyambere zitegurwa ubu muri buri rwego rw'ubukungu zari zikwiye kwerekana ku buryo buziguye ibikwiye kwegurirwa abikorera ku giti cyabo kugira ngo igihugu gishobore gukoresha izo ngufu bigaragara ko ziriho kandi twizeye neza ko zizagenda zirushaho gutera imbere iyo turebye umurava abikorera ku giti cyabo bafite.

Ku byerekeye uburyo amafaranga yabonetse yasaranganijwe mu nzego z'ubukungu, dusanga umugambi wa gatatu waribanze cyane ku bikorwa remezo ari ibyerekeye imibereho myiza y'abaturage, amazu y'imirimo y'ubutegetsi, gukura igihugu mu bwigunge n'ibindi... Inzego z'imirimo yerekeye rubanda nyamwinshi (amashuri, ubuzima, gutura, ubutegetsi...) hamwe n'urwego rwo gutwara abantu n'ibintu no gutumanaho zatwaye 64,8% by'amafaranga yakoreshejwe mu mugambi wa gatatu mu mirimo yo gutsura amajyambere. Urwego rw'ubuhinzi rwatwaye 12,4% umugambi wo warateganyaga 24%. Urwego rw'inganda n'ubukorikori rwatwaye 9,2% hateganijwe 19,2%. Aha rero umuntu yakwibaza niba umugambi wa gatatu wari ufite intego ya mbere yo kwihaza mu biribwa warashyizwe mu bikorwa nk'uko twawifuzaga tuwutegura.

Kiriya gipimo cy'amafaranga yashowe mu buhinzi mu gihe cy'umugambi wa gatatu kiva kuri 12,4% kikagera kuri 19,5%

.../...

iyo dusuzumye ibikorwa bya Guverinoma gusa hatarimo iby'abikorera ku giti cyabo. Ni ukuvuga ko abikorera ku giti cyabo bari bakwiye kurushaho gukaza umurego bagashora amafaranga yabo mu buhinzi kuko 5,2% gusa by'amafaranga bashoye hagati ya 82 na 85 ari yo yonyine yagiye mu buhinzi.

Indi ngingo ikomeye twasuzumye ku byerekeye amafaranga yakoreshejwe ni imiterere y'imari Leta ikoresha mu bikorwa byayo byo gutsura amajyambere. Hagati ya 82 na 85 twaje gusanga ko:

- 39,9% ni inguzanyo (ituruka hanze cyangwa mu gihugu)
- 51% ni amafaranga y'ibihugu n'imiryango by'inshuti.
- Gusa 9,1% niyo yonyine aturuka ku mutungo bwite wa Leta.

Birashoboka ko mu myaka iri imbere amafaranga Leta ishora mu bikorwa byayo byo gutsura amajyambere ashobora kuzagabanuka cyane dukurikije ibyemezo byafashwe birebana no gucunga neza no kugabanya imyenda itangiye kutubana myinshi mu gihe:

- Amafaranga yo kwishyura imyenda yafashe intera iteye inkeke ugereranije n'umutungo wa Leta (18,5% muri 1985).
- Imiterere y'imiringanire y'ubuhahirane bwacu n'amahanga imeze nabi ku buryo Leta igomba kwitondera ikintu cyose kizayibaza gusohora amadovize mu bihe biri imbere.

1.4. Guhanga imirimo

Ingingo ya nyuma twasuzumye mu byerekeye ubukungu rusange yerekeranye n'uburyo twashoboye guhanga imirimo mishya mu gihe cy'umugambi wa gatatu. Kuri iki kibazo habaye ingorane zo kubura imibare ihamye twaheraho mu gihe nta barura nyakuri twakoze muri urwo rwego muri iyi myaka ya vuba.

Ibyo ari byo byose twagerageje kugereranya dukurikije imibare twari dufite dusanga ko mu gihe cy'umugambi wa gatatu wo gutsura amajyambere, imirimo yashoboye guhangwa mu gihugu cyacu yarabaye mike cyane ugereranije n'umubare w'abasabye akazi muri icyo gihe wakomeje kugenda wiyongera ukurikije ubwiyongere bw'abaturwanda.

Turetse iby'abiyemeje kwitungirwa no guhinga imirima yabo, imirimo yahanzwe buri mwaka tuyibarira mu kigero cya 10.361 ni ukuvuga 11,2% y'abantu biyongeraga buri mwaka ku basaba akazi.

Iyi mibare ariko tugomba kuyifata tuzirikana ko iyo twakoresheje kugira ngo tuyigereho itari iteguye ku buryo bunoze. Byongeye kandi, ntabwo twashoboye gusuzuma ibibazo bivuka biturutse ku mpamvu z'uko usanga akenshi ubushobozi bw'abaka akazi budahura n'imiterere y'imirimo ikunda kuvuka mu gihugu.

.../...

## II. IBYAGEZWEHO MURI BURI RWEGO RW'UBUKUNGU

### 2.1. Urwego rw'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba

#### 2.1.1. Umusaruro w'ibihingwa ngandura-rugo n'uw'ubworozi

Kubera impamvu z'uko dufite ikibazo cyo kumenya neza uko umusaruro wo mu cyaro ungana, biraruhije kugira ngo twerekane neza amajyambere aturuka kuri politiki ya Guverinoma yo guteza imbere ubuhinzi yashyizwe mu bikorwa mu migambi yo gutsura amajyambere ishize.

Dukurikije imibare duhabwa na Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba, dusanga umusaruro w'ubuhinzi utacyiyongera ahubwo ugabanuka cyane iyo haguye imvura idahagije.

Mu gihe cy'umugambi wa gatatu turangije, ubwiyongere bw'umusaruro wo mu buhinzi bwaje kujya munsi y'ubwiyongere bw'abaturage; nyamara ntabwo ubutegetsi bwigeze buhwema kwita kuri urwo rwego rufite umwanya w'ibanze mu bukungu bw'u Rwanda. Uko kutiyongera k'umusaruro wo mu buhinzi guturuka kuri ibi bikurikira:

- Ubutumbuke bw'ubutaka bugenda busubira inyuma bitewe n'isuri no guhinga ubutaka buri gihe ntiburazwe kubera ko butagihagije.
- Politiki yo gutsura amajyambere y'ubuhinzi twakurikizaga wasangaga itagaragaza neza uburyo umusaruro w'umuhinzi-mworozi wahabwa agaciro, ibyo bigatuma nta bikorera ku giti cyabo bitabiriye gushora imari yabo cyane muri urwo rwego.
- Ubushakashatsi butagize akamaro kagaragara.
- Gutegura nabi imishinga yo gutsura ubuhinzi ku buryo wasangaga:
  - iryo tegura ryayo risa nk'aho ari umwihariko w'ubutegetsi bwite bwa Leta,
  - kwifashisha imishinga ya rutura ikomatanya intego nyinshi cyane bigatuma amafaranga yo guteza imbere ubuhinzi yigira mu bindi byoroshye kugerwaho,
  - kutagisha inama abahinzi-borozi bene iyo mishinga yari igamije gufasha. Ibyo byatumaga nta n'uruhare bagiraga mu kuyishyira mu bikorwa no gufata neza ibyagezweho igihe imishinga irangiye,
  - kutuzuzanya kw'imishinga iboneka hirya no hino, ari ihangwa na Leta, ari iy'imiryango itagengwa na Leta cyangwa se ikorwa n'amakomini ku giti cyayo.

Muri iyi minsi hari byinshi bihinduka bituma twizera ko politiki yo gutsura amajyambere y'icyaro izarushaho kugera ku nshingano zayo. Ku bibazo bimwe na bimwe Guverinoma yafashe ibyemezo,

ku bindi itegura porogaramu ndende zatangiye gushyirwa mu bikorwa. Twatanga ingero kuri ibi bikurikira:

- Gushyiraho ibiciro tudashobora kujya munsi bihabwa umuhinzi-mworozi ku musaruro we.
- Porogaramu y'igihugu yo gutera mashyamba, kurwanya isuri dufata ubutaka neza
- Porogaramu yo guteza ubushakashatsi imbere no gukwirakwiza hirya no hino imbuto za kijyambere.

Mu rwego rw'ubworozi, ikibazo cy'imibare idahwitse kirushijeho gutera inkeke ugereranije n'ingorane ziboneka ku byerekeye umusaruro w'ibihingwa ngandura-rugo. Ibyo aribyo byose hari ibimenyetso byerekana ko uburyo bushya bwo kororera mu biraro bugenda bucengera mu baturage ari ukubera imishinga ya Leta/cyangwa se abikorera ku giti cyabo biyemeje gufata inguzanyo mu mabanki bagashora imari mu bikorwa by'ubworozi.

Ibarura ryakozwe muri 1984 ku byerekeye ubuhinzi n'ubworozi ryerekanye ko ingo zirenga 6,1% by'ingo ziri mu cyaro, ni ukuvuga ingo 65.000 zari zifite amatungo zororera mu biraro ku buryo buhuje n'ingorane dufite zo kubona inzuri zidanduye.

Mu matungo magufi, ibyagezweho birushijeho gushimisha. Uretse iyamamaza rikorwa n'inzego zishinzwe ubuhinzi n'ubworozi, usanga abaturage bariyumvishije ubwabo ko ari ngombwa gusimbuza amatungo maremare amagufi kubera ikibazo cy'inzuri.

Ntitwakwibagirwa kuvuga ibindi bikorwa byo mu rwego rw'ubworozi byatangiye gutera intambwe muri iki gihe cy'umugambi wa gatatu. Ibyo ni uburobyi, ubworozi bw'amafi n'ubw'inzuki.

Ibyo byose birerekana umugambi uhamye Guverinoma yiyemeje wo kugeza igihugu ku ntego yo kwihaza ku biribwa. Ibikorwa byinshi bigamije kuzamura umusaruro biriho, ibindi birategurwa kugira ngo bitangire. Ntitwabura ariko kuvuga ko hari bimwe usanga dukererwamo kandi bishobora kutubera inzitizi zikomeye nko gufata neza umusaruro, kuwutunganya no gutunganya imicungire yawo.

2.1.2. <u>Ibihingwa nzamura bukungu.</u>

Ku byerekeye ikawa n'icyayi, umusaruro wateye intambwe igaragara mu gihe cy'umugambi wa gatatu. Ibyo byatewe n'imishinga yakozwe mu gihe cy'umugambi wa kabiri hamwe n'ibyemezo byafashwe byari bigeze igihe cyo gutanga umusaruro.

Ku buhinzi bwa kawa, abahinzi bazo bakiriye neza cyane icyemezo cya Guverinoma muri sizeni 1977/1978 cyo gukuba kabiri amafaranga ahabwa umuhinzi ku kilo cya kawa. Kuva icyo gihe abaturage bafashe umugambi wo gutera no gufata neza ibipimo byabo

.../...

bya kawa ari byo byatangiye gutanga umusaruro mwinshi mu gihe cy'umugambi wa gatatu. Ibyo bigaragarira mu mibare itwereka ko hagati ya 1980 na 1986, ubutaka buhinzweho kawa bwiyongereyeho 9,3% buri mwaka naho umusaruro wiyongeraho hejuru buhoro ya 4%.

Ku cyayi umusaruro wiyongereyeho hafi 13% buri mwaka. Ibyo tubikesha imishinga yakozwe mu mugambi wa kabiri yari igeze igihe cyo gusarurwa (Icyayi cy'i Mata, Karago, Giciye, Gisovu na Nkuli-Nyakinama). N'uburumbuke bw'imirima y'icyayi kandi nabwo bwariyongereye ku buryo bushimishije hagati ya 83 na 86 kuko bwavuye kuri 977 Kg/ha bukagera kuri 1.277 kg/ha. Ntitwakwirengagiza n'uruhare rwo kuvugurura imicungire ya OCIR ishami ry'icyayi ryatumye buri kigo kigira imicungire yihariye ari na byo byatumye harushaho kwitabirwa gushakira umuti ibibazo buri kigo gihura nabyo.

Hejuru y'uwo musaruro wagiye wiyongera ku buryo bushimishije, ibiciro by'ikawa n'icyayi ku masoko mpuzamahanga, n'ubwo byakomeje guhindagurika, byagumye hejuru y'igiciro kiringaniye hagati ya 82 na 86. Guhera mu mpera za 86 cyakora byaje guhinduka ibiciro biragwa cyane, ndetse n'amadolari baduha iyo tubyohereje mu mahanga aza guta agaciro ku buryo bukomeye bituma ubukungu bwacu buzahara cyane muri 1987 na n'ubu kandi tukaba tutarizera ko hari ikizahinduka kigaragara.

Mu myaka iri imbere, dushobora kwizera ko umusaruro w'icyayi ushobora kuzakomeza kwiyongera kubera imishinga yakozwe vuba aha itaragera igihe cyo kwera ku buryo budanduye nka Nshili-Kivu. Uburumbuke bw'imirima y'icyayi nabwo bushobora kwiyongera cyane kuko tukiri inyuma. Ni ngombwa rero kutadohoka kuri iriya porogaramu yo gutunganya imicungire y'ibigo bya OCIR ishami ry'icyayi kuko ari byo bizagira uruhare runini mu kongera uburumbuke bw'icyayi mu myaka itaha kandi n'icyayi cyacu kikarushaho kuba gisukuye/kiharyoshye kugira ngo gishobore guhangana n'iby'amahanga ku masoko.

Ikawa yo ntawakwizera cyane ko umusaruro uzakomeza kwiyongera cyane kubera ubutaka buto budatuma ubuso buhinzweho kawa bwiyongera. Bishobora kudutera ibibazo rero cyane kubera ko ikawa yinjiraga mu Rwanda ku buryo bwa forode igabanuka kuva aho ibihugu bidukikije bifatiye imigambi yo kuzahura ubukungu bwabyo.

Hejuru y'ibyo byagezweho bishingiye ku bihingwa bya kawa n'icyayi , mu bireti na kenkina ho byabaye ibindi bindi. Ibyo bihingwa byombi byahuye n'ibibazo bisa. Ibiciro byabyo ku masoko mpuzamahanga byaraguye cyane kubera ubupigane bw'ibintu bisigaye bikorerwa mu nganda bifite akamaro kamwe n'ibituruka kuri biriya bihi-

.../...

ngwa kandi bikaba bikorwa ku giciro kiri hasi cyane.

Ibyo byatumye bitakidushobokera ko inganda twashinze zitunganya biriya bihingwa zashobora gukomeza gukora kubera igihombo cyazo. Byaciye abahinzi intege bituma badakomeza kwita kuri ibyo bihingwa byari nta kamaro bikibafitiye ku buryo imirima yabyo yari imaze kugabanukaho 15% ku bireti na 10% kuri kenkina hagati ya 82 na 85.

Imiterere y'iki gihe y'amasoko y'ibyo bihingwa nta cyizere atanga cyerekana ko hari igiteze guhinduka. Ibyo rero biteye inkeke cyane Guverinoma kuko ubu igihe kirageze cyo gufata ibyemezo kuri biriya bihingwa Leta yari imaze gushoramo imari isaga 650 miliyoni mu mirimo yo kuzahura OPYRWA no kubaka uruganda rutunganya kenkina (RWAKINA).

2.1.3. Amashyamba

Mu rwego rw'amashyamba ya cyimeza n'amaterano umugambi wa gatatu wateye intera ihambaye cyane cyane mu byerekeye amashyamba yatewe hakoreshejwe umuganda. Iyo ntambwe igaragara yagezweho hifashishijwe isobanura ntanga-rugero mu rwego rw'amashyamba muri za komini no mu ngaga z'abikorera ku giti cyabo bikozwe n'imishinga iteza imbere ubuhinzi n'amashyamba. Umugambi wa gatatu urangiye hamaze guterwa hegitari 170.000 kandi barateganyaga hegitari 99.500.

N'ubwo rero amashyamba y'amaterano yiyongereye cyane mu mugambi wa gatatu ushize, mu rwego rw'amashyamba ya cyimeza ibibazo ni ingorabahizi. Ayo mashyamba yagiye agabanukaho 2% buri mwaka kubera abayatema bashakaaho bahinga n'abaca amakara yo gucuruza.

Muri make, ibyakozwe mu rwego rw'amashyamba birerekana ko umusaruro uziyongera vuba kurusha ibikenewe mu myaka itaha ku buryo ubwihaze mu bikomoka ku mashyamba ugereranije n'ibikenewe bwari 41,8% mu mwaka w'1981 buziyongera cyane. Bikaba bisaba ko ingamba zo gutera amashyamba zakomeza, ko ubushakashatsi mu kuzigama ingufu n'ubushakashatsi bw'andi masoko y'ingufu bwarushaho gutera imbere bukagira ibyemezo by'imena bugeraho. Bizasaba kandi ko amashyamba ya cyimeza atanga umusaruro ukabakaba amasiteri 550.000 buri mwaka yarushaho gufatwa no gukoreshwa neza.

2.2. Urwego rw'inganda n'imyuga.

Urwego rw'inganda rwaranzwe n'ibintu bibiri by'imena bikurikira:

- Umusaruro w'inganda ziciriritse wiyongereye bihambaye ho 10% buri mwaka.
- Umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro wagabanutseho 11,7% buri mwaka hiyongeraho n'igihombo cya SOMIRWA cyatumye iseswa mu gushyingo 1985, ibyo byatumye icukura ry'amabuye y'agaciro rihagarara hategerejwe uburyo bushya bwazatuma iryo cukura ryongera gukorwa neza.

Kuri ibyo byavuzwe haruguru, hiyongereyeho ugutera imbere k'urwego rw'abanyamyuga iciriritse rushyigikiwe byimazeyo n'inzego z'ubutegetsi uretse ko nta barura nyaryo ryari ryakorwa ngo rigaragaze uruhare rw'iyo myuga iciriritse mu bukungu bw'u Rwanda haba mu musaruro rusange cyangwa mu kongera imirimo.

Ubwiyongere buhanitse bw'umusaruro w'inganda ziciriritse bugaragaza uburyo bwiza abikorera ku giti cyabo bakiranye politiki ya Leta mu byerekeye inganda irangwa muri iki gihe no korohereza abanyenganda.

Icyo inzego zose zigomba kumenya ni uko nyinshi mu nganda ziri hano mu Rwanda zidahuje ku buryo bugaragara n'ibyifuzo remezo by'amajyambere y'u Rwanda mu byerekeye inganda. Inganda nyinshi zikora ibikenewe n'imbaga nyamwinshi zihereye ku byo zitumiza mu mahanga bisa nk'ibyuzuye. Turizera ko iyo mikorere izahinduka igihe u Rwanda ruzaba rufite umugambi mbonera mu rwego rw'inganda, umugambi ugaragaza uburyo n'ubushobozi bw'igihugu mu gushora amafaranga mu nganda buzatuma inzego z'ubukungu zizarushaho gukorana.

Imigendekere mibi y'urwego rw'amabuye y'agaciro yagaragaye mu gihe cy'umugambi wa gatatu ikomoka ku mpamvu ebyiri zuzuzanya:

- Ubushobozi buke bw'abakozi b'abanyarwanda m'ukumenya inzira zose amabuye y'agaciro y'amanyarwanda yanyuragamo kugeza acuruzwa ku buryo inzego z'ubutegetsi zitashoboraga kugenzura ibyatanzwe kuri icyo gikorwa.
- Igabanuka rikabije ry'ibiciro by'amabuye y'agaciro u Rwanda rwoherezaga mu mahanga.

Ku byerekeye ikibazo cy'amabuye y'agaciro mu minsi iri imbere, hari impungenge nyinshi kubera ko ibiciro bishobora kutiyongera mbere y'imyaka nk'itanu kubera amabuye menshi ahunitswe na bene kuyacukura no mu bahuza inzego z'ubucuruzi bwayo. Ibyo ari byo byose, Leta ntigomba kureka umugambi wo gushaka uburyo icukura ry'amabuye y'agaciro ryakongera gukorwa kuko rizana amafaranga y'amahanga akenewe mu gutumira ibintu mu mahanga. Ubushobozi mu bya tekiniki no mu gukurikirana inzego zose amabuye y'agaciro anyuramo bigomba kurushaho kwitabwaho kugira ngo dushobore kwirinda gukoresha imirimo imwe n'imwe mu banyamahanga kuko ihenda kandi ikarushya igenzura.

Naho mu rwego rw'imyuga, hakwiye gukorwa amabarura kugira ngo imiterere y'urwo rwego mu by'umuco n'ubukungu birusheho kumenyekana kandi binoroshye guteganya ibikorwa byo muri urwo rwego.

## 2,3. Urwego rw'amazi n'ingufu.

Ikigereranyo cy'aho ingufu ziva n'imikoreshereze yazo mu gihe bateguraga umugambi wa gatatu cyagaragaje ibi bikurikira:

- Ingero y'ubuzima nkeya: ingufu zikomoka ku nganda zanganaga na 3,17% by'ingufu zakoreshejwe mu Rwanda muri 1981.
- Uretse inkwi, 93,2% by'ingufu zakoreshejwe mu Rwanda muri 1981 zaguzwe mu mahanga.

Isesengura ry'imiterere y'amashanyarazi ryerekanaga ibikurikira:

- Amashanyarazi yakwirakwijwe cyane mu migi nta kwibanda ku cyaro.

.../...

- Kutamenya neza imitere y'ibikoresho bikeneye kwitabwaho cyane byaba ari mu kubigenzura cyangwa mu kubisimbura.
- Igihombo kinini giterwa no kutubahiriza ibipimo by'ibikoresho by'amashanyarazi.

Ingingo tumaze kuvuga zatumye hategurwa kandi hakorwa porogaramu ihanitse yo gushora imari bibanze cyane mu kongera umusaruro w'ingufu z'amashanyarazi no kuyakwirakwiza. Imari yashowe mu kongera umusaruro w'amashanyarazi no kuyakwirakwiza mu myaka ine ya mbere y'umugambi wa gatatu ihwanye na miliyoni 3980 y'amafaranga y'u Rwanda, muri iyo myaka ine igiteganyo cy'umugambi wa gatatu cya miliyoni 3635 y'amafaranga y'u Rwanda cyari kimaze kurengwa. Byatumye umusaruro w'ingufu zikomoka ku mazi ziyongeraho 13,3% buri mwaka hamwe n'igabanuka ry'amashanyarazi atumizwa mu mahanga: gutumiza amashanyarazi mu mahanga byavuye kuri 47,5 GWH bijya kuri 21,6 GWH hagati ya 1980 na 1986 ni ukuvuga ko gutumiza amashanyarazi mu mahanga byavuye kuri 68,6% bijya kuri 18,9%.

Intambwe yatewe mu rwego rw'ingufu mu mugambi wa gatatu ni ndende ku buryo hiyongereyeho 12% mu burebure bw'insinga zo gukwirakwiza ingufu kandi abakoresha izo ngufu bakiyongeraho 1% buri mwaka.

Ntabwo intambwe yatewe mu kwihaza mu ngufu ari ndende, imikoreshereze y'ingufu zakwirakwijwe hirya no hino mu gihugu ntabwo ihwitse. Ikwiye gusubirwamo kubera itakaza ry'ingufu rigaragazwa n'intera iboneka hagati y'ingufu zakoreshejwe n'izari zakuruwe. Igihombo ari byo kuvuga ingufu zapfuye ubusa gihwanye na 20% by'ingufu zakuruwe kandi zashoboraga gukoreshwa. Niba ibyo bitakazwa bishobora kuba binaterwa n'amakosa mu rwego rwa tekiniki, kudakoresha bihagije ibikoresho byateganijwe biterwa n'umubare muke w'abateye kontaro yo gukoresha ingufu z'amashanyarazi byongeranije n'ibibazo Electrogaz ifite mu kwishyuza ibyo yatanze kugira ngo ingufu ziboneke, bituma ingufu zakoreshejwe ntaho zihuriye n'izakuruwe na Electrogaz. Imicungire myiza ya Electrogaz cyane cyane mu nzego za tekiniki irihutirwa kugira ngo urwego rw'ingufu rurusheho kugenda neza.

Ku ngufu z'amashanyarazi akomoka ku mazi, Leta yarushijeho gutera inkunga ibikorwa bigamije kongera umusaruro no gukwirakwiza ingufu zikomoka ku bishingwe, ku mwuka uva mu kiyaga cya Kivu (gaz méthane), ku bisheshe no ku ngufu zikomoka ku zuba.

Mu mpera z'umugambi wa gatatu, ziriya porogaramu ntabwo zashoboye kurenga urwego rwo kwigwa kugira ngo imyanzuro nyayo igaragarizwe mu bikorwa. Mu mugambi wa kane u Rwanda rugomba gukora uko rushoboye kugira ngo ariya masoko y'ingufu ashobore gusimbura inkwi zo gutekesha.

.../...

Amazi

Mu rwego rw'amazi, umugambi wa gatatu wo gutsura amajyambere wageze ku bikorwa bishimishije dukurikije imibare itangwa na Misiteri ishinzwe imirimo ya Leta, ingufu n'amazi. Umubare w'abaturage bavoma amazi meza uhwanye na 64% muri 1986 kandi wari 37% muri 1981. U Rwanda rugomba kwita ku micungire no gufata neza iyo miyoboro y'amazi kugira ngo rutazacikwa n'ibyo rwari rwigejejeho. Muri make, ibyerekeye kwegereza abaturage amazi meza byifashe neza ku buryo twakwizera nta mpungenge ko ibisigaye bizagerwaho Leta ifatanije n'imiryango itari iya Leta n'imiryango ikorera mu cyaro.

2.4. Urwego rw'Imirimo ya Leta n'Amazu.

Iyo urebye gusa umusaruro wo mu rwego rw'ubwubatsi hamwe n'imirimo yo gutunganya imigi n'icyaro, usanga porogaramu ya Leta itarashoboye kubahirizwa kubera amikoro make mu rwego rw'imari cyane cyane kubera ko abanyamahanga batashishikajwe no gushora imari zabo muri ruriya rwego.

Uretse ikibazo cy'amikoro make, porogaramu yo gutunganya imigi n'icyaro ibangamirwa n'uko nta ngamba yari iteganijwe n'abatunganya imikoreshereze y'ubutaka cyane cyane imiturire mu migi. Mu byerekeye imiturire mu migi, hari iyigwa ryakozwe muri 1985 tukaba twizera ko ibyemezo byafashwe bizatuma imiturire mu migi irushaho kuba myiza.

Mu byerekeye amazu ya Leta, Leta hamwe n'inzego zikorera mu cyaro byakoze uko bishoboye kugira ngo inzego za Leta zishobore kubona aho zikorera hashobotse; amazu menshi yarubatswe n'asanzwe arushaho gufatwa neza.

Hubatswe amazu mashya akurikira:

- Amazu y'ubutegetsi bwa Leta
- Ibiro by'amaperefegitura na superefegitura
- Ibiro bya komini na segiteri
- Ingoro za Muvoma mu maperefegitura.

Iyubaka ry'amacumbi y'abakozi ryagiye rirushaho kugabanuka dukurikije imigambi ibanziriza uwa gatatu. Iyo myubakire nta kibazo iteye kubera ko ikibazo cy'imiturire kizabonerwa imyanzuro ishimishije mu gihe isanduku y'ubwubatsi bw'amacumbi izaba yahawe ubushobozi buhagije maze igategura ingamba nyazo muri urwo rwego.

Ibikorwa by'abikorera ku giti cyabo ntibyashoboye gutera imbere kubera ko uburyo bwo kubona imari yo gushora mu bwubatsi butari busobanutse neza ku buryo imari yashorwaga mu bikorwa bifata igihe

.../...

kinini mbere yo kungura uwabikoze yahindutse iyo gushaka kunguka vuba na vuba. Ugukenera amazu y'inganda z'ubucuruzi n'indi mirimo ikenerwa na rubanda kwiyongereye gukurikije imyiyongerere y'iyo mirimo, bikaba byaratumye ibikorwa bikomeza n'ubwo ubwiyongere nyabwo bw'umusaruro muri urwo rwego (havuyemo ubwiyongere bukomoka ku biciro) butashoboye nibuze kugera ku ngengo umugambi wa kabiri wagezeho.

Ingingo y'imena tugomba kwitaho mu byerekeye ubwubatsi bw'amazu n'imilimo ireba imbaga nyamwinshi ni uko nta ngamba nyazo zashyizweho zo guteza imbere inganda z'ubwubatsi muli rusange n'iz'amazu k'ubulyo bw'umwihaliko. Ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere no gukora ubushakashatsi bw'ibikoresho byo kubaka cyagumye mu bitekerezo aho kujya mu bikorwa. Hali ibikorwa hirya no hino mu Rwanda bigamije guteza imbere ibikoresho by'ubwubatsi bikomoka mu Rwanda. Twavuga nk'uruganda rukora sima rw'i Mashyuza, umushinga wo gukora ishwagara no gutunganya ibisheshe, itanura ry'amatafari ya kijyambere rili mu Ruliba n'ibindi bikorwa by'abanyamyuga bikwirakwije mu cyaro.

## 2.5. Ubucuruzi, Amahoteri n'Ubukerarugendo.

Politiki y'umugambi wa gatatu mu by'ubucuruzi yali igamije guhindura byimazeyo imiterere yasaga nkibangamiye ubukungu bw'igihugu. Twavuga nkibi bikulikira :

- kugena no kugenzura ibiciro
- Gukora k'uburyo ibicuruzwa bigera ku masoko igihe bihakenewe no kongera hirya no hino abakorana n'abacuruzi b'abanyarwanda.
- Gukwirakwiza uburyo ibicuruzwa bigera mu cyaro.
- Gushyira ubucuruzi mu maboko y'abanyarwanda cyane cyane mu byerekeye kuranguza, gutumiza no kohereza ibintu mu mahanga.

Kubyerekeye politiki y'ibiciro, hali byinshi byateganijwe kandi byageragejwe n'umugambi wa gatatu ushize :

- Gushyiraho ibiciro by'ibintu n'imilimo bikomoka mu mahanga cyangwa bikorerwa mu Rwanda.
- Ingengo y'inyungu ntarengwa n'ubucuruzi
- Kugena ibiciro by'ibihingwa byera mu Rwanda batagomba kujya hasi.
- Gushyiraho no gutera inkunga ibigo bya Leta n'ibyo Leta yashoyemo imali ifatanyije n'abikorera ku giti cyabo kugira ngo barwanye abashaka gucuruza ibintu bonyine.
- Gushyiraho ibiciro mu nzego Leta yali yiganjemo (ingufu, amazi, gutwara ibintu n'abantu).

Mu byemezo by'inzego z'ubutegetsi mu bireba ibiciro, porogaramu y'umugambi wa gatatu yashyizwe mu bikorwa uretse ko byagaragaye ko Leta nta bushobozi mw'igenzura ifite bwo kubahiliza ibyemezo byayo. Limwe na limwe, ibyemezo byafashwe byagiye bikemangwa kubera ko Leta itashakaga kubigarukaho kandi ibyo byemezo byagombye kujyana n'amategeko agenga imigendekere y'ubucuruzi ashingira kubibazwa n'ibyaje ku masoko. Mu nzego zimwe nko m'urwego rw'ingufu, m'urwego rwo gutwara ibintu n'abantu, byaragaragaye ko gushyiraho ibiciro by'ibintu ukulikije ibyo inzego za Leta zakoresheje ngo ibyo bintu bikorwe bitera ingorane ababikeneye kuko ibyo biciro biba bikabije kuba bihanitse.
Twakongeraho ko mu nzego zerekeranye n'imibereho y'abantu (ubuzima n'uburezi), ubuke bw'uburyo Leta yunganira abaturage bwatumye abikorera ku giti cyabo bishora muli izo nzego maze bagashyiraho ibiciro bishakiye (Abacuruza imiti, amafaranga atangwa mu mashuri yigenga,..) nta cyizeza ko ibyo bakoreye umuntu bihwitse. Leta igomba gukora uko ishoboye igafasha abiyemeje gutangira ibikorwa muli izo nzego kugira ngo zishobore gutera imbere hakulikijwe ibyo u Rwanda rukeneye.

Mu bindi umugambi wa gatatu wali wiyemeje kugeraho m'urwego rw'ubukungu, ibyagezweho by'imena ni ibi :

- Hatejwe imbere ibikoresho remezo ku bibuga by'indege mu byo gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho n'amahanga kugira ngo ibibazo by'ubwigunge byabangamiraga ubucuruzi bw'u Rwanda n'amahanga bigabanuke.
- U Rwanda rwagiye mu miryango y'ubukungu (CEPGL, ZEP, CEEAC) kugira ngo hongerwe abakorana n'abanyarwanda m'ubucuruzi. Aha twakongeraho ko ibyo iyo miryango yiyemeje bitarashyirwa mu bikorwa nyabyo bityo ibizagerwaho bikaba bitegerejwe mu myaka ili hejuru y'itanu.
- Gutangira uburyo bushyashya bwo gucunga ubucuruzi bw'u Rwanda n'amahanga hakoreshejwe kugena hakiri kare ibyo dukenera mu mahanga.
- Gushyiraho ububiko bw'ibintu byagoboka u Rwanda mu minsi mibi mu byerekeye ibikenerwa na rubanda nyamwinshi (Lisansi n'ibijyana nayo, ibilibwa bya ngombwa) kugira ngo bitazabura ku masoko.
- Gushyira ubucuruzi bwo kuranguza no gutumiza ibintu mu mahanga mu maboko y'abanyarwanda aliko bigakorwa buhoro buhoro.
- Gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe kugira ngo abacuruzi bagume mu cyaro aho kwirukira mu migi.

Mu byerekeye amahoteri n'ubukerarugendo, umugambi wa gatatu wateganyaga kwihatira guteza imbere ibikenerwa n'ubukerarugendo bongera, batunganya kandi balinda ahantu hali ibimenyetso by'amateka y' u Rwanda bituma ubukerarugendo hagati y' u Rwanda n'amahanga burushaho gutera imbere kandi hakongerwa amahoteri aciliritse kugira ngo abanyarwanda bitabire ubukerarugendo.

Ibyagezweho n'umugambi wa gatatu m'urwego rw'ubukerarugendo hagati y'u Rwanda n'amahanga ni bike kubera amikoro yabaye make. Ubukerarugendo mu Rwanda bwateye intambwe ishimishije hakoreshejwe kongera amahoteri aciliritse mu mugi wa Kigali no mu yindi migi mito aho byagaragaye ko ali ngombwa. Ayo mahoteri aciliritse yashoboye kubakwa kubera ubushake bw'abikorera ku giti cyabo babifashijwemo na Banki y'u Rwanda ishinzwe gutsura amajyambere.

## 2.6. Gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho

Igihe cy'umugambi wa gatatu wo gutsura amajyambere cyahuye n'ihinduka ry'amateka mu nzego zo gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho. Uburyo izo nzego zateye imbere ntibwaturutse gusa ku gaciro Leta iha izo nzego, ahanini byatewe nuko abanyarwanda bikorera ku giti cyabo basobanukiwe n'ibyerekeye imyungukire muli izo nzego.

Amafaranga yashowe mu nzego zo gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho ahwanye na miliyari 26 z'amafaranga y'u Rwanda mu myaka ine ya mbere y'umugambi wa gatatu. Inzego zo gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho zafashe umwanya wa kabili mu byashowemo imali (24,5 %) nyuma y'urwego rw'ubutegetsi n'ibikorerwa rubanda rwashowemo 42,8 %.

Mu byakozwe mu nzego zo gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho, twavuga ibi bikulikira :

- Gushyira kabulimbo kuli kilometero 430 alibyo bihwanye na 56 % by'imihanda yose ilimo kabulimbo mu mwaka w'1986 udashyizemo uduhanda duto two mu migi. Utwo duhanda duto twakozwe mu migi natwo twaliyongereye mu gihe cy'umugambi wa gatatu kuko ubu tureshya na kilometero 45,5 kandi zali 34,1 mu gihe batangizaga umugambi wa gatatu. Ikorwa ry'umuhanda Kayonza - Kagitumba nirirangira (kandi liri hafi), imihanda ihuza u Rwanda n'amahanga izaba yuzuye.
- Guteza imbere abikorera ku giti cyabo (b'abanyarwanda) mu rwego rwo gutwara ibintu n'abantu no gutumanaho haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga kuko byali bimaze igihe kirekire byiganjwemo n'abanyamahanga cyangwa amashyirahamwe y'abanyamahanga.
  Umuntu yakwizera ko ibibazo bimwe na bimwe bikizitira izo nzego bizarushaho gusobanuka maze ibiciro byo gutwara ibintu biva mu mahanga bikajya bishyirwaho hakoreshejwe ipiganwa.
- Havuguruwe ibikoresho byo ku bibuga by'indege byatumye indege za rutura zishobora kugwa ku bibuga by'u Rwanda.
- Havuguruwe ibikoresho byo gutumanaho haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga k'ubulyo u Rwanda ruhujwe n'amahanga hakoreshejwe telefoni na telegisi zidatenguha.

## 2.7. Urwego rw'amabanki

Amabanki amwe n'amwe yakwirakwije amashami yayo hirya no hino, bituma umutungo abaturage bazigamye wegeranywa. Ibyo byagaragaye nko muri za Banki z'abaturage, banki z'ubucuruzi n'izindi. Kuri uwo mutungo w'imbere mu gihugu haje no kwiyongeraho andi mafaranga atubutse yaturutse hanze ashyirwa muri Banki itsura amajyambere y'u Rwanda kugira ngo ashorwe mu mishinga ibyara inyungu mu gihe kirekire y'abantu ku giti cyabo cyangwa iyo Leta ihuriyeho n'abikorera ku giti cyabo. Umutungo w'amabanki yose ushyize hamwe wavuye kuri miliyoni 21.583,2 mu kuboza 1983 ugera kuri miliyoni 27.629,9 mu Kuboza 1985 z'amafaranga y'amanyarwanda. Byongeye kandi mu mutungo w'amabanki y'ubucuruzi amafaranga bene yo bafungira muri banki igihe kirekire yagize ubwiyongere busumbye ubwa ya yandi bene yo bakenera buri gihe. Aya mbere uyagereranije n'umutungo rusange w'amabanki y'ubucuruzi yavuye ku bice 37,8 ku ijana agera kuri 54 ku ijana hagati y'Ukuboza 1983 n'Ukuboza 1985 hanyuma agera ku bice 51,2 ku ijana mu Ukuboza 1986.

Ariko inguzanyo amabanki yashoye mu gutsura amajyambere mu rwego rw'imishinga y'igihe kirekire n'igiciriritse ntiziyongereye nk'uko umutungo w'ayo mabanki wiyongereye. Inguzanyo banki itsura amajyambere (BRD) yatanze hagati ya 84 na 85 zabaye nkeya ugereranije n'umutungo iyo banki yari ifite muri icyo gihe. Ibintu byakomeje kumera bityo ndetse no muri 1986 nyamara icyo gihe banki (BRD) yari ifite umutungo uhwanye na miliyoni 1.499,8 z'amafaranga y'u Rwanda yashoboraga gutangaho inguzanyo. Abahanga bemeza ko igihe cyari kigeze cyo gushinga indi banki yajya itanga inguzanyo z'igihe kirekire n'igiciriritse, ibyo bigatuma banki iriho ubu yikubita agashyi kuko uko ibintu bimeze ubu, iyo banki ishobora kwirara bigatuma ubukungu bw'igihugu cyacu buhazaharira.

Kuba mu gihugu nta mishinga ihari igaragara yashorwamo imari ni kimwe mu bizahaza ubukungu bw'igihugu cyacu, ndetse kigashobora no kuba aricyo cya mbere. Umuti w'icyo kibazo waboneka mu guhugurira abantu bikorera ku giti cyabo ibyo gushora imari hashyirwaho uburyo buboneye bwo gushyigikira abantu bafite imishinga igaragara, bukabafasha kuyishyira kuri gahunda iboneye no gutunganya impapuro amabanki abaza abazanye imishinga kugira ngo abahe inguzanyo. Ibyo birakorwa muri iki gihe na za Minisiteri zibishinzwe hamwe na banki itsura amajyambere (BRD) ariko ku buryo budahwitse.

Hari hakwiye rero urwego rwihariye rushinzwe uwo murimo kuko arirwo rwawukora neza.

Ku bireba inguzanyo muri rusange, umugambi wa gatatu utsura amajyambere wari washyize ku murongo ingingo zikurikira:

.../...

- Kwita ku nguzanyo zo mu cyaro muri rusange, ariko cyane cyane ku nguzanyo mu by'ubuhinzi-bworozi ku buryo bwihariye.
- Guteza imbere inguzanyo mu bukorikori.
- Guteza imbere inguzanyo mu mishinga nito n'iciritse.
- Gutanga inguzanyo zo kubaka amazu aturwamo.

Iyo turebye ibyo uwo mugambi wagezeho usanga inguzanyo zashowe mu kongera umusaruro mu buhinzi-bworozi ziyongereye zikava ku bice 1,8 ku ijana hagati ya 1980 na 1983 zikagera ku bice 7,5 ku ijana muri Nyakanga 1985, ubwo rero ugereranije hiyongereho ibice 4 4% buri mwaka kugeza muri 1986. Urebye ubwo bwiyongere ni bwo, ariko ntibuhagije iyo urebye agaciro kagombaga guhabwa umuhinzi-mworozi mu bukungu bw'igihugu cyacu.

Inguzanyo mu bukorikori ntiziyongereye ku buryo bushimishije. Ariko muri urwo rwego harimo ibikorwa bishimishije byahakozwe. Twavuga nko kubona ubuzima gatozi kw'ishyirahamwe ry'abanyamyuga b'i Kigali (KORA) n'ishyirwaho rya banki y'abanyamyuga muri Mata 1986. Mu rwego rw'ishyirahamwe KORA, abanyamyuga b'i Kigali babonye inguzanyo ihwanye na miliyoni 7,418 hagati ya 84 na 85.

Ku rwego rw'inganda nto n'iziciritse inguzanyo zatanzwe zirashimishije. Nka banki itsura amajyambere (BRD) yashoye amafaranga ahwanye na miliyoni 679,7 mu mishinga 67 hagati ya 1982 na 1986. Ariko tugereranije n'amafaranga yose iyo banki (BRD) yari yarageneye gushora mu nganda nto n'iziciritse yari ahwanye na miliyoni 355 buri mwaka hagati ya 86 na 88, ayo yashowe ni make cyane. Naho rero ku byerekeye inguzanyo mu byo gutura heza, urebye uko ibintu byari biteye, uyu mugambi wa gatatu utangira byarushijeho kuba isobe, cyane cyane ku bantu bafite umutungo muke byageze n'aho bamwe biheba.

## 2.8. <u>Urwego rw'uburezi</u>

Umugambi wa gatatu w'amajyambere wahuriranye n'igice cya kabiri **cy'ivugururwary'amashuri** aricyo vugurura ry'amashuri yisumbuye. Ibikorwa bya Leta mu rwego rw'uburezi byibanze ku ngingo eshanu zikurikira:

- Gufatira ibyemezo uburezi muri rusange hakurikijwe uko bumeze, ibyo bigakorerwa mu mashuri abanza.
- Mu mashuri y'imyuga
- Mu mashuri yisumbuye
- Mu mashurimakuru.

Mu byemezo byafatiwe uburezi twakwemeza ko imigambi ihamye yagezweho mu gukemura ibibazo byaba byaravutse bitewe n'ivugurura ry'uburezi ryajyanye n'ubwiyongere bw'umubare w'abanyeshuri mu bice byose by'uburezi. Kuko byari byariteguwe bihagije ukwiyongera

.../...

~~kw'abanyeshuri n'amafaranga y'inyongera yari ngombwa nta kibazo byateye.~~ Gukomeza kubona ayo mafaranga ariko bizatera inkeke mu bihe biri imbere. Umubare w'abanyeshuri wo nta bibazo byihariye wateye kuko urebye ari ikintu cyari giteganijwe.

Amashuri yigenga yashinzwe n'abantu ku giti cyabo mu rwego rw'amashuri yisumbuye yariyongereye ku buryo mu minsi iri imbere azaba agize kimwe cya kabiri cy'amashuri yose yo mu gihugu. Ayo mashuri rero agomba gukurikiranirwa bugufi kugira ngo atazadukururira ingorane, nko mu kubona abarimu babishoboye, kuba amashuri yigwamo ashobora kwibanda ku bintu bimwe gusa ku buryo byadutera ingorane mu kubonera abayarangijemo akazi cyangwa se imyanya kugira ngo bakomeze mu makuru hagakubitiraho n'ikibazo cy'isumbanya ry'uturere ryazaturushya kugorora.

Tugarutse ku mashuri abanza, ivugururwa ry'icyo gice ryaranzwe cyane cyane n'imyaka ya karindwi n'iya munani yiyongereye ku bice byari bisanzwe. Ibyo bikaba byarajyanye n'iyigisha ry'imirimo y'amaboko yazagirira akamaro abana barangije amashuri abanza ntibashobore gukomeza mu bindi byiciro.

Kubera iryo hugururwa ariko, abayobozi b'amashuri makuru batumenyesheje ko abana basigaye bimuka badafite ubumenyi buhagije mu mibare no mu gifaransa ibyo bikaba ari byo bituma benshi muri bo batsindwa mu myaka ya mbere y'ayisumbuye. Usibye ibyo bibazo byatewe n'ivugururwa ry'amashuri hari ibindi bibazo bitumvikana neza intandaro yabyo. Uhereye na mbere y'uko umugambi wa gatatu utangira umubare w'abana batangira amashuri abanza ntiwiyongereye uko byari biteganijwe. Nk'umugambi wa gatatu wateganyaga ko hajya hatangira 85 % by'abana bose bagejeje ku myaka 7, ariko hagati ya 81 na 84 bavuye kuri 65 bajya kuri 63 % gusa. Ariko ibyo byaje guhinduka mu mpera z'umugambi wa gatatu, kuko byabaye 74,1 ku ijana muri 86. Twizeye ko abategetsi ba komini n'ababyeyi b'abana bazashyira hamwe kugira ngo intambwe ikomeze mu gihe cy'umugambi wa kane.

Ku byerekeye amashuri y'imyuga (CERAI) intego yo kugira CERAI ebyiri muri buri komini yagezweho muri icyo cyiciro, ni iyigisha ry'ubuhinzi n'imyuga muri ayo mashuri nk'uko byari biteganijwe. Ariko rero, kubonera abo bana icyo bakora biteye inkeke muri iki gihe iyo tugereranije n'ibyo twakekaga ubwo ayo mashuri yashyirwagaho. Mu mpamvu nyinshi zikurura icyo kibazo, twavuga nko kubona abana benshi barangije ayo mashuri usanga bishakira imirimo ukorera umuntu akaguha amafaranga, kuba tutari twagira abarimu bahugukiwe n'inyigisho zitangwa muri icyo cyiciro, kuba za CERAI n'abanyenganda basahura ngo bagerageze guhuza ibitekerezo n'ibindi n'ibindi.

..../....

Ababyeyi nabo ubona bataritabiriye cyane za CERAI ibyo bigatuma hamwe na hamwe za CERAI zibura abanyeshuri.

Naho ku byerekeye uburezi mu mashuri yisumbuye twavuga ko intego y'umugambi wa gatatu yagezweho, cyane cyane biturutse ku gushyira hamwe kwa Leta, abantu ku giti cyabo n'imfashanyo z'abagiraneza. Umubare w'abanyeshuri mu mashuri yisumbuye wiyongereyeho ibice 10% buri mwaka, ibyo bikaba byarasumbye igiteranyo cy'umugambi wa gatatu cyari 8% buri mwaka. Uwo mugambi kandi wateganyaga ko ku mashami yari asanzwe yigishwa mu mashuri yisumbuye hakwiyongeraho 13. Mu mpera za 86, hiyongereye amashuri 13 ku yari asanzwe, hiyongereyeho n'amashami 12. Gusa hari ibibazo byavutse, nk'amashami amwe n'amwe yiganje kurusha ayandi mu gihugu hose nta buringanire bw'ayo mashami hagati ya za perefegitura, ndetse n'ubuhanga buyigishirizwamo si bumwe muri za perefegitura zose. Nta shuri ritanga inyigisho z'ikiciro giciriritse (A3) cy'amashuri yisumbuye nyamara umugambi wa gatatu utsura amajyambere waremeje ko mwene ibyo byiciro bigomba kubaho. Ndetse n'iperereza ryakozwe na Minisiteri y'amashuri abanza n'ayisumbuye, ryagaragaje ko abakoresha bakeneye abantu bize bene ayo mashuri.

Muri iki gihe biraruhije gushyira uburezi bw'amashuri yigenga mu ngamba nshya zerekeye uburezi. Ariko birashoboka ndetse hadahungabanijwe ibikorwa by'abikorera ku giti cyabo, kuba hakorwa igishushanyo mbonera cy'amashuri n'amashami yigwamo cyafasha Leta kugoboka ayo mashuri haba mu ishyirwaho ryayo, cyangwa mu mikorere yayo ya buri munsi.

Naho ku byerekeye amashuri makuru (Kaminuza) usibye umubare w'abanyeshuri muri rusange wiyongereye ubundi icyorezo cy'abantu batsindwa ari benshi cyakomeje kuba cyose muri uyu mugambi wa gatatu. Abanyeshuri bajya kwiga icyo cyiciro mu mahanga ariko bo bariyongereye bikaba bigaragaza intambwe twateye mu gufatanya n'inshuti zacu zo mu mahanga mu burezi. Usibye ibyo ariko ababishinzwe bakomeje gukurikirana ivugururwa ry'icyo cyiciro cy'amashuri ryatangiye mu mpera za 1986 nk'uko byari biteganijwe.

2.9. Urwego rw'ubuzima.

Ibyagezweho mu buvuzi byashyirwa muri ibi bice uko ari bitatu:

- Kongera no gutunganya amavuriro;
- Kwita ku mashuri yigisha iby'ubuganga;
- Kuzana mu gihugu no gukwirakwiza imiti.

Tugarutse ku kibazo cy'amavuriro, dusanga umubare w'ibitaro waravuye kuri 26 muri 1980 ukaba 31 muri 1986 (Umugambi wa gatatu wateganyaga 34). Naho ibigo nderabuzima (centres de santé) byari 105

muri 1980 byiyongereyeho 61 kugeza muri 1986 nyamara umugambi wa gatatu wateganyaga 58 gusa. Ubwo rero mu byerekeye amavuriro, intego y'umugambi wa gatatu twayigezeho ndetse turayirenga (101,5/100). Uyu mugambi usize buri komini ifite nibura ikigo nderabuzima (centre de santé).

Ubwiyongere bw'abavuzi muri rusange bwakurikije ndetse burenga gato ubwiyongere bw'abaturage. Ariko ubwo bwiyongere bwakomeje gusumbwa n'ubwiyongere bw'amavuriro. Byongeye kandi, hari ubwoko bumwe bw'abaforomo bwabuze, ibyo bigatera imigendekere mibi mu mikorere y'amavuriro yacu. Abaganga bo mu rwego rwa dogiteri twari dukeneye mu mugambi wa gatatu barabonetse urebye, naho abaforomo ndetse n'abafasha babo (infirmier/res A2 na A3) babaye bake rwose ugereranije n'abo umugambi wa gatatu wateganyaga. Ku baforomo (A2) 950 bari bateganijwe, habonetse 807 gusa, naho abafasha babo (A3) ubwiyongere bwabo bwabaye 6,3% buri mwaka nyamara hari hateganijwe ubwiyongere bwa 22% buri mwaka.

Ubwo kandi ibyo bibazo by'abaganga n'amavuriro mu turere tumwe na tumwe birakabije kurusha ahandi ku buryo kwivuza ari intambara nk'izindi zose.

Tugarutse ku byerekeye iboneka ry'imiti, bimaze kugaragara ko uburyo busanzwe butari bugihagije umugambi wa gatatu wari wateganije farumasi z'amakomini zigashyirwaho mu bufatanye bw'ikigo cya Leta OPHAR n'ikindi kigenga ariko Leta ifitemo uruhare (BUFMAR). Ibintu rero byaje kwihuta kuruta uko byari biteganijwe.
Amafarumasi y'abantu ku giti cyabo yari 14 muri 1980 yabonekaga muri kimwe cya kabiri cya za perefegitura zacu, yabaye 82 akwirakwizwa muri za perefegitura zose ku buryo nka Kigali yonyine ifite 27. Ikibabaje ariko ni uko mu giturage ayo mafarumasi atahagera yigumiye gusa mu migi minini n'iciriritse, naho abaturage bo mu cyaro bakomeza kugobokwa n'amavuriro nk'uko byari bisanzwe. Imiti muri ayo mafarumasi kandi irakosha ku buryo ibibazo bya rubanda nyamwinshi mu rwego rw'ubuvuzi bikiri byose.

## 2.10. Urwego rwo gukangurira abaturage amajyambere.

Ibibazo byo muri urwo rwego biri ugututu:

- Kwita ku makoperative n'urubyiruko
- Kwigisha gusoma no kwandika
- Ibibazo by'ubwiyongere bw'abaturage

Tugarutse ku makoperative n'ibibazo by'urubyiruko dusanga ibyakozwe muri urwo rwego bishimishije koko, ariko kandi bigaragara ko ibibazo by'urubyiruko nta ruhare ruhagije byabonye, cyane cyane mu

mishinga itsura amajyambere. Nicyo gituma rwose bikwiye ko umugambi wa kane wakwita kuri icyo kibazo ku buryo bwihariye.

Kumenya ibyagezweho mu rwego rwo gukangurira abaturage gusoma no kwandika biraruhije kubera ko ibyo bikorwa n'inzego nyinshi zitandukanye. Nyamara Leta yari ikwiye rwose kumenya ibyagezweho muri urwo rwego yakomeje kwitaho kuva kera cyane.

Ku kibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage Ubwiyongere bwabo buruta ubw'umusaruro. Ubu rwose buri muturarwanda yarabyumvise. Ikigo gishinzwe imibereho y'abaturage (ONAPO) cyakoze ubushakashatsi kugira ngo kimenye impamvu nyazo zituma ubwiyongere bwacu ari bumwe mu buhanitse ku isi. Abakangurambaga ba ONAPO barahuguwe dufashijwe cyane n'umushinga PMI/PF. Aho dufite ikibazo, ni ukubona abahanga bo mu rwego rwo hejuru bo kugenzura nyabyo iby'itangwa ry'imiti ifasha mu iringaniza ry'imbyaro. Birashimishije ariko kubona ibikorwa byo mu iringaniza ry'abaturage n'umusaruro byaritabiriwe n'inshuti zacu z'ingeri zose mu gihe cyose cy'uyu mugambi wa gatatu w'amajyambere. Ariko nta gihamya dufite y'uko tuzongera kubona amafaranga nk'ayo twabonye mu bihe biri imbere. Ubwo rero byari bikwiye gutangira kwizirika umukanda muri urwo rwego. Ndetse byari ngombwa ko ibikorwa bya wa mushinga twavuze PMI/PF byatangira gushyirwa buhoro buhoro mu nzego zisanzwe za Minisiteri y'ubuvuzi n'imibereho myiza y'abaturage.

## 2.11. Urwego rw'umuco, ubuhanzi n'imyidagaduro

Mu rwego rw'umuco n'ubuhanzi, ibyagezweho biracyari bike. Ibyo ahanini bitewe n'uko inshuti zacu zo mu mahanga zidakunda kwita kuri urwo rwego. Natwe kandi, ibikorwa byo muri urwo rwego sibyo dushyira ku murongo wa mbere, tubanza kwita ku bidutunga, ku mazu n'imihanda ndetse n'ibibazo by'ubukungu, iby'umuco n'ubuhanzi bikaza nyuma.

Imikino n'imyidagaduro yo ntiyasigaye inyuma muri urwo rwego hatanzwe miliyari 12 zose hagati ya 1982 na 1986 zo kubaka amazu n'ibibuga by'imikino, kandi biracyakomeza.

Naho kandi mu rwego rw'umuco n'ubuhanzi, igice cy'itangazamakuru cyateye intambwe ishimishije. Twavuga nk'imyandikire y'ibinyamakuru byacu yatumye abasomyi biyongera.

- Ishyirwaho ry'ibiro ntaramakuru muri za perefegitura, n'ubwo ibyo biro bikiri mu busembere
- Kugeza ku baturarwanda bose imyumvikanire myiza ya radiyo-Rwanda. Ibyo ariko byabanje gutinda gato kubera amafaranga atarabonekeye igihe. Ariko dukurikije imishinga iriho muri urwo rwego, twakwemeza ko mu myaka ya mbere y'umugambi wa kane, ibibazo byo muri

.../...

urwo rwego byose bizaba byarangije gukemurwa.

Ubucamanza

Muri uru rwego havugwa cyane cyane ishyirwaho ry'imirimo y'ubuhinzi, ubworozi ndetse n'ubukorikori muri za gereza zacu no mu bigo ngorora muco. Naho urebye ibyari biteganijwe mu mugambi wa gatatu w'amajyambere ntibyagezweho byose, cyane cyane mu kubaka amazu no guhugura abakozi. Ariko twakwishimira ibyagezweho mu kubahiriza ikiremwa muntu no kuba nta gishobora guhungabanya umuntu ku giti cye cyangwa umutungo we.

## III. ISARANGANYA RY'IMISHINGA MUTURERE TW'IGIHUGU

### 3.1. INTANGIRIRO

Kuringaniza uturere, cyane cyane mw'isaranganya ry'imishinga y'amajyambere, ni intego Leta y'u Rwanda ikomeyeho ku buryo budakuka. Iryo ringaniza rigamije gutuma buri karere gakoresha umutungo kamere wako mu kubonera ibisubizo ibibazo kihariye kandi kagira uruhare rurunduye mu guharanira amajyambere y'Igihugu.

Iryo ringaniza ry'uturere ariko tugomba kukora tunashishoza neza uko ibibazo by'Igihugu biteye. Umutungo wo gushora mu bikorwa by'amajyambere ni ingume, bikaba bidusaba kuwucungana umutima-nama tureba mbere na mbere akamaro wazanira Igihugu ku buryo burunduye.

Ni nacyo gituma hagomba kubaho ibyanya by'insanganyamajyambere kandi kubyaza umutungo kamere w'Igihugu akamaro bikaba inzira idakikwa kugirango Igihugu kigere ku majyambere.

Ubwo rero ni ukuvuga ko ubusumbane bukunda kuboneka hagati y'uturere bushobora kuzabonerwa umuti hashize igihe kirekire.

Uko imishinga yakozwe kuva muw'1984 kugeza muw'1986 isaranganyijwe bigaragarira mu nyandiko nyibutsa zikurikira :

1. Inyandiko ibarura imishinga yari yarateganyijwe kuri gahunda y'umugambi wa watatu w'amajyambere 1982-1986 ikaza gukorwa mugihe cya 1984-1986 (impapuro 53)
2. Inyandiko ibarura imishinga yakozwe n'imiryango itagengwa na Leta cyanga mu rwego rwa gahunda y'udushinga duciriritse ikaba yarakozwe mu gihe cya 1984-1986 (impapuro 86)
3. Inyandiko ibarura imishinga yakozwe na Leta n'abikorera ku giti cyabo kuva muw'1984 kugeza muw'1986 ariko itarateganyijwe kuri gahunda y'umugambi wa III 1982-1986.
4. Imbonerahamwe ikubiyemo umubare w'amafaranga yatanzwe ku mishinga ya buri nyandiko barura n'indi imbonerahamwe ibumbiye hamwe amafaranga yatanzwe ku mishinga yose yakozwe kuva muw'1984 kugeza muw'1986.
5. Hari n'imbonerahamwe y'amafaranga yatanzwe ku mishinga yakozwe mu maperefegitura hakulikijwe buri rwego rw'akazi n'imbonerahamwe y'ijanisha rishingiye ku ma perefegitura n'inzego z'akazi ku mishinga yakozwe mugihe cy'umugambi wa III w'amajyambere (1982-1986). Izo mbonerahamwe nizo zakozweho intekerezo ziribuze kugaragara mu nyandiko ziza gukurikiraho.

.../...

## 3.2. IBIGOMBA GUSOBANURWA MURI RUSANGE.

### A. Igihe iri saranganya rireba

Iri saranganya ry'imishinga rireba imyaka itatu yanyuma iharura umugambi wa III w'amajyambere.

Nyamara ariko, imibare yerekanwa n'imbonerahamwe y'amafaranga yatanzwe ku mishinga y'amajyambere mu myaka ibili ya mbere y'umugambi wa gatatu yaje kongerwaho, kugira ngo haze kubaho intekerezo-njora ikubye umugambi wa gatatu uko wakabaye. Imibare itangwa ubungubu, hakurikijwe na none imihwikire yayo, izafasha abashinzwe gupima agaciro k'ibyakozwe mu gihe cy'umugambi wa gatatu w'amajyambere muri rusange.

Bitewe n'ubugufi bw'igihe iyi nyandiko ireba, byongeyeye kandi kikaba ari agapande k'igihe umugambi wa gatatu wamaze, kikaba kigomba gutekerezwaho uko cyakabaye, imibare y'amafaranga yatanzwe ku mishinga uko umwaka utashye yagiye iteranywa hatitaweho ikigereranyo cy'uko ifaranga ryagiye rihindagura agaciro karyo kuko ntacyari kizwi.

### B. Ibyakurikijwe mu isaranganya ry'imishinga mu turere tw'Igihugu

Urebye uburyo bwakurikijwe mu gusuzuma uko imishinga yasaranganyijwe mu Gihugu kuva muw'1984 kugeza muw'1986, ni bumwe bwakoreshejwe mu nyandiko zasohotse mbere y'iyi zirebana n'imyaka iri imbere y'igihe kirebwa n'iyi nyandiko.

Ni ukuvuga ko amafaranga yatanzwe ku gikorwa iki n'iki tuyitirira aho icyo gikorwa kiri.

Ku mihanda, insinga z'amashanyarazi n'imiyoboro y'amazi miremire, amafaranga yayitanzweho muri perefegitura iyi n'iyi agenwa hakurikije ibirometero iyo mihanda, izo nsinga cyanga iyo miyoboro byambukiranya muri iyo perefegitura.

Naho ku yindi mishinga igira ibikorwa mu ma perefegitura menshi, kugira ngo haboneke amafaranga yatanzwe muri perefegitura runaka, hafaswhe amafaranga yatanzwe yose hamwe agabanywa amaperefegitura yose uwo mushinga ukoreramo ku buryo bungana.

### C. Ubuhwike bw'imibare yatanzwe

Umuntu wese uzashaka kwifashisha imibare ivugwa muri iyi nyandiko agomba kuzirikana ibintu bikurikira:

- Abadufasha bamwe ntibarimenyereza ko ducungira hamwe imfashanyo cyangwa imyenda baduha.
- Bamwe ndetse nta na kantu bajya bemera kudusohorera ku byerekeye amafaranga yatanzwe mu mishinga bakoresha cyangwa batwunganiramo.

Ibyo biboneka cyane cyane mu bufatanye bwo mu rwego rw'ibihugu na za Leta (Ububiligi, Ubushinwa, Koreya n'ibindi...). Ikindi kandi n'uko igice kinini cy'imishinga y'abikorera kugiti cyabo nta mibare twakiboneye (ubucuruzi, amahoteli n'indi mishinga nyongera mutungo).

D. Ifaranga ryakoreshejwe.

Imali yakoreshejwe mu mishinga yose yavunjwe mu mafaranga y'amanyarwanda.

Mu mishinga dufashwamo n'abanyamahanga kandi imali itanzwe ikishyurwa mu mafaranga y'iwabo, yavunjwe mu mafaranga y'amanyarwanda hakoreshejwe agaciro mpuzandengo ifaranga ry'Urwanda ryagiye rigira uko umwaka utashye muri iyo itatu irebwa n'iyi nyandiko.

3.3. IBYO TUBWIRWA N'IYI NYANDIKO

A. Imishinga yakozwe

- Imishinga yakorewe mu maperefegitura kuva muw'1984 kugeza muw'1986, yerekanwa ku buryo bw'itonde mu nyandiko-nyibutsa y'imyanya yerekana perefegitura umushinga ukoreramo, urwego rw'akazi urimo, inumero wafashe muri iyi nyandiko, izina ryawo, aho umushinga ukorera, igihe ugomba kumara, uwawutanzeho amafaranga, amafaranga yawuteganyirijwe n'amafaranga yagiye atangwa buri mwaka n'agaciro k'ayatanzwe yose hamwe muri iyo myaka uko ari itatu.

Imali yatanzwe yose hamwe ku mishinga kuva muw'1984 kugeza muw'1986 angana ni miliyaridi 49 na miliyoni 805 n'ibihumbi 349 by'amafaranga y'amanyarwanda asaranganyijwe ku buryo bukurikira :

1) Ibyijana 72,45 byihariwe n'imishinga yateganijwe mu mugambi wa gatatu w'amajyambere (1982-1986).

2) Ibyijana 19,89 bili ku ruhande rw'imishinga itarateganijwe mu mugambi wa gatatu igakorwa na Leta n'abikorera ku giti cyabo.

3) Ibyijana 7,66 biherereye ku mishinga yakozwe n'imilyango itagengwa na Leta no mu rwego rw'udushinga duciriritse.

B. Uko amaperefegitura akurikirana.

Ushingiye ku ngano y'imali yatanzwe mu mishinga yakozwe, amaperefegitura agiye akurikirana gutya :
Iyambere ni KIGALI, iya kabili ni BUTARE, iya gatatu ni RUHENGERI, iya kane ni CYANGUGU, iya gatanu ni GISENYI, iya gatandatu ni BYUMBA, iya karindwi ni GIKONGORO, iya munani ni KIBUYE, iya cyenda ni KIBUNGO naho iya cumi ni GITARAMA.

C. Uko inzego z'akazi zikurikirana.

Inzego z'akazi uko ari 13 zo zikurikirana zitya :
Urwambere ni ubuhinzi, urwa kabili ni ubworozi, imirimo ya Leta n'ibikorwa remezo, urwa gatatu ni ingufu n'amazi, urwa kane ni inganda n'imyuga, urwa gatanu ni uburezi n'ubujijuke, urwa gatandatu ni urw'ibikorwa bidasesenguye, urwa karindwi ni urw'ibikorwa mboneza mubano, urwa munani ni urw' amabanki no gushyigikira imirimo, urwa cyenda ni urwa ubuzima, urwa cumi ni urwo gutwara abantu n'ibintu no gutumanaho, urwa cumi na rumwe ni urw'ubucuruzi, ubukerarugendo n'amahoteli, urwa cumi na kabiri ni urw'ubushakashatsi mu by'ubuhanga naho urwa cumi na gatatu ni urw'ibikorwa ndangamuco.

D. Umubare w'imishinga ya buri Perefegitura

| PEREFEGITURA | IMISHINGA YAKOZWE KUVA MU 1984 KUGEZA MU 1986 | | | |
|---|---|---|---|---|
| | IYATEGANYIJWE MU MUBAMBI WA III | ITARATEGANYIJWE MU MUGAMBI WA III | | IGITERANYO |
| | | IYA LETA N'ABIKOREARA KU GITI CYABO | IYI MILYANGO ITAGENGWA NA LETA N'URWEGO RW'IMISHINGA ICIRIRITSE | |
| KIGALI | 60 | 85 | 79 | 224 |
| GITARAMA | 24 | 15 | 120 | 159 |
| BUTARE | 35 | 20 | 92 | 147 |
| GIKONGORO | 35 | 19 | 34 | 88 |
| CYANGUGU | 34 | 10 | 45 | 89 |
| KIBUYE | 16 | 10 | 52 | 78 |
| GISENYI | 29 | 23 | 52 | 104 |
| RUHENGERI | 41 | 18 | 51 | 110 |
| BYUMBA | 35 | 25 | 27 | 87 |
| KIBUNGO | 24 | 21 | 38 | 83 |
| IDASARANGANYWA | 94 | 37 | 80 | 211 |
| IGITERANYO | 427 | 283 | 670 | 1380 |

3.4. IBIGARAGARIRA MULI IYI NYANDIKO.

3.4.1. Ibyerekeye iringaniza ry'uturere.

3.4.1.1. Uko amaperefegitura yagiye akurikirana kuva muwa 1966 hakulikijwe ingano y'imali yashowe mu mishinga.

---

| AMAPEREFE-GITURA | 1966-1970 | | 1971-1973 | | 1974-1976 | | 1977-1981 | | 1981-1986 | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Umwanya | Imali % | Umwanya | Imali % | Umwa-nya | Imali % | Umwa-nya | Imali % | Umwanaya | Imali % |
| KIGALI | 1 | 40,77 | 2 | 24,70 | 1 | 24,42 | 1 | 30,25 | 1 | 29,13 |
| GITARAMA | 8 | 3,02 | 7 | 2,70 | 7-8 | 2,98 | 7 | 4,83 | 10 | 4,54 |
| BUTARE | 3 | 15,78 | 3 | 18,50 | 3 | 17,39 | 3 | 11,42 | 2 | 10,75 |
| GIKONGORO | 11 | 0,73 | 11 | 0,90 | 6 | 3,08 | 10 | 3,83 | 7 | 7,80 |
| CYANGUGU | 4 | 5,79 | 6 | 3,70 | 7-8 | 2,98 | 11 | 2,54 | 4 | 9,30 |
| KIBUYE | 10 | 1,47 | 8 | 2,20 | 10 | 2,64 | 6 | 4,91 | 8 | 5,91 |
| GISENYI | 7 | 5,30 | 9-10 | 1,10 | 11 | 2,10 | 5 | 6,11 | 5 | 8,96 |
| RUHENGERI | 5 | 4,31 | 4 | 6,00 | 9 | 2,79 | 4 | 10,00 | 3 | 9,75 |
| BYUMBA | 9 | 2,54 | 5 | 5,10 | 5 | 6,78 | 8 | 4,79 | 6 | 8,81 |
| KIBUNGO | 6 | 4,03 | 9-10 | 1,10 | 4 | 13,12 | 9 | 4,11 | 9 | 5,05 |
| IBIDASARA-NGANYIJE | 2 | 18,27 | 1 | 34,00 | 2 | 21,75 | 2 | 17,14 | - | - |
| IGITERANYO | | 100 | | 100 | | 100 | | 100 | | 100 |

3.4.1.2. Ibyagiye biranga amaperefegitura.

a) Kigali yazimbye andi maperefegitura yiharira umugabane munini mu mali yashowe mu mishinga y'amajyambere, (ibyijana 29,13) kuberako aliyo ilimo umurwa mukuru w'igihugu. Izakomeza kandi rero guhabwa ibikorwa shingiro bya kijyambere kandi ni nawo mugi ukurura amajyambere kurusha iyindi mu Rwanda.
Ibyo ali byose, iyo ugereranyije no mu gihe cy'umugambi wa II (1977-1981), usanga utuonoike bw'imali bwayo bwaragabanutseho gahoro kuko mu gihe cy'umugambi wa III yabonye : ibyijana 29,13 gusa kandi muwa II yari yaragize ibyijana 30,25.

.../...

Nubwo kandi Kigali ihorana umwanya wa mbere kuva muw'1966, usanga ibyijana yagiye ibona byaragiye bihindagurika cyane.

b) Andi maperefegitura yabumbirwa mu dutsiko dutatu dukulikira:

1. Amaperefegitura yagiye atera intambwe igaragara. Ayo ni Ruhengeri, Cyangugu, Gisenyi na Gikongoro.

2. Amaperefegitura yakomeje imyanya yayo. Ayo ni Butare na Byumba.

3. Amaperefegitura yagiye asubira inyuma gahoro. Ayo ni Gitarama, Kibungo na Kibuye.

3.4.2. <u>Inzengo z'akazi n'ingamba z'amajyambere.</u>

3.4.2.1. Ugereranyije n'ibyagaragaye mu mpera z'umugambi wa III n'izo mu myaka ibiri ya mbere yawo (1982-1983), ubona ibikulikira:

a) Umugabane munini w'imali uherera ku mishinga yateganijwe mu mugambi wa III iharirwa ibyijana 72,45.
Washishoza neza ariko, ugasanga byaragabanutse ugereranyije n'uruhare yari ifite mu ntangiriro z'uwo mugambi (ibyijana 85,10).

b) Imishinga itarateganijwe mu mugambi wa gatatu, igakorwa na Leta n'abikorera ku giti cyabo yazamuye umugabane wayo mw'ijanisha (ibyijana 19,89 ku byijana 9,80 muw'1982-1983).

c) Imilyango itagengwa na Leta hamwe na programu y'udushinga duciriritse nabyo byazamuye uruhare rwabyo mu mishinga y'amajyambere (Ibyijana byabyo byavuye kuri 5,1 muw'1982-1983 bigera kuli 7,66 mu mpera z'umugambi wa III). Ibi byose bikaba bigaragaza ko intambwe ndende abikorera ku giti cyabo n'imilyango itagengwa na Leta yatewe mu myaka itatu yaharuriye umugambi wa III (1984-1986).

3.4.2.2. <u>Inzego z'akazi.</u>

a) Ubuhinzi: Iyo usesenguye imbonerahamwe ikubiyemo amafranga yatanzwe mu mishinga y'amajyambere mu gihe cy'umugambi wa III mw'ijanisha likurikije inzego z'akazi, usanga ubuhinzi bwaragizemo ibyijana 23,30 maze bukegukana umwanya wa kabili nyuma y'urwego rw'ubwubatsi; imirimo ya Leta n'ibikorwa by'ibanze (ibyijana 26,43).
Muri urwo rwego rw'ubuhinzi, usanga gahunda y'ibikorwa by'amajyambere akomatanye y'icyaro yaregukanye ibyijana 46,87. Wagereranya n'ibyo iyo gahunda yagize mu gihe cy'umugambi wa kabiri (ibyijana 59) ugasanga byaragabanutse. Ni ukuvuga ko buhoro buhoro umwanya ugenda uharirwa ibikorwa byongera umutungo (bibyaza inyungu).
Iyo ntego nigerwaho, ubuhinzi buzagira uruhare runini mw'iringaniza ry'uturere tw'igihugu.

... /...

b) **Inganda:** Urwo rwego rw'ibikorwa rwiganjwemo cyane n'abikorera ku giti cyabo (bafitemo ibyijana 53,84). Uwikorera ku giti cye kandi aba yimirije imbere inyungu agomba kubona mu gihe gito. Ni ukuvuga ko uruganda ashatse kubaka, azarushyira ahantu hamworohereza igurishwa ry'ibyo akora. Akenshi rero ni i Kigali. Ni ukuvuga ko imizamukire y'urwo rwego rw'akazi itazita kw'iringaniza ry'uturere. Gusa hari imishinga y'inganda igomba byanze bikunze kwegerana n'ibikoresho by'ifatizo. Ibyo rero nibikorwa (akenshi gahunda ya Leta nibyo yo ikunze kwitaho) bizashobora gukurikiza intego yo kuringaniza uturere.

c) **Ingufu :** Urwo rwego rugomba kwitabwaho kurusha izindi.
Ingufu nyinshi dukoresha tuzigura mu mahanga (peteroli, imoteri zitanga amashanyarazi hakoreshejwe amazutu n'amashanyarazi aturutse ku masumo y'imigezi ndetse) n'ubwo urwo rwego rwashowemo imali itubutse (uruhare rwarwo ruhwanye n'ibyijana 4,24 ugereranije n'imali yakoreshejwe mu gihugu hose mu gihe cy'umugambi wa III). Ni ukuvuga ko urwo rwego ruzakomeza kugenerwa amafranga menshi kugirango dushobore kwihaza mu ngufu.
Ibyo aribyo byose, imali nyinshi izashorwa muri programu yo kubyaza amashanyarazi amasumo y'imigezi. Ayo masumo akaba ari ahantu hazwi kandi hatakwimurwa.
Ni ukuvuga ko imizamukire y'urwo rwego itazashingira kw'iringaniza ry'uturere.

d) Amazu y'ubutegetsi nayo yatwaye amafranga y'akayabo. Ariko amazu ya rutura yubatswe mu murwa mukuru w'igihugu. Ni ukuvuga ko abashoye imali muri urwo rwego rw'akazi batitaye ku ntego yo kuringaniza uturere muri rusange. Ariko, umurwa mukuru w'igihugu, uwihoreye ukareba mu cyaro gusa, usanga ho, ubwubatsi bw'amazu y'ubutegetsi bw'amakomini n'inkiko bijya kureshyeshya amaperefegitura yose. Ibyo bigaterwa n'uko ikiguzi k'ifatizo cy'ibyangombwa bikenerwa muri iyo mirimo kijya kureshya hose. Ibyo bigatuma agaciro k'amazu y'ubutegetsi bwa Komini n'inkiko kiba hagati ya miliyoni 4 na miliyoni 20.
Icyakora uburyo bushya bwo kugena imigambi bishingiye kuri komini nibumara gucengera bukamenyerwa, imizamukire y'urwo rwego izakorwa ijyana n'iringaniza ry'uturere.

e) Ugereranije n'igihe cy'umugambi wa II (1977-1981) usanga urwego rw'ubushakashatsi muby'ubuhanga bwarateye intera yoroheje ariko kandi irushijeho gushimisha. Mu mugambi wa II ubushakashatsi muby'ubuhanga bwari bwaragize ibyijana 0,20 naho mu gihe cy'umugambi wa III bwaragize ibyijana 0,39 by'amafranga yose yashowe mu gihugu. Ni ukuvuga icyakora ko bugomba kwitabwaho cyane. Bwo kandi, bitewe n'ibyo bukorerwaho, imizamukire yabwo yakurikiza intego y'iringaniza ry'uturere.

/...

f) Urwego rwo gutunda abantu n'ibintu no gutumanaho, usanga mu gihe cy'umugambi wa III, uruhare rwarwo mw'ijanisha warasumbyeho gato gusa urwo rwari rufite mu myaka ibiri ya mbere y'uwo mugambi 1982-1983 ( Mu mpera z'umugambi wa gatatu rwagize ibyijana 3,19 rwari rwaragize ibyijana 3,04 mu myaka ibiri ya mbere).

IMBONERAHAMWE N°01: IGITERANYO RUSANGE CY'AMAFRANGA YATANZWE MU MISHINGA Y'AMAJYAMBERE YA BULI PEREFEGITURA MU GIHE CY'UMUGAMBI WA GATATU (1982-1986) HAKURIKIJWE INZEGO Z'AKAZI.

| Inzeo z' akazi / Prefe-gitura | Ubuhinzi | Inganda n'imyuga | Ingufu n'amazi | Ubwubatsi Imilimo ya Leta n'ibikorwa reme zo | Ubucuruzi Ubukeraru gendo n' Amahoteli | Gutwara abantu n'ibintu no gutumanaho | Amabanki no gushyi gikira imilimo | Uburezi n'ubuji-juke | Ubusha-kashatsi mu by' ubuhanga | Ubuzima | Ibikorwa mboneza-mubano | Ibikorwa ndanga-muco | Ibindi bikorwa | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| KIGALI | 2379,994 | 5346,248 | 1263,851 | 5392,563 | 771,700 | 1900,319 | 2964,748 | 925,801 | 82,355 | 321,060 | 656,385 | 54,868 | 718,444 | 22778,336 |
| GITARAMA | 581,767 | 56,547 | 478,972 | 1123,526 | 26,753 | 19,298 | 74,489 | 315,450 | 22,453 | 231,867 | 225,672 | 25,980 | 368,257 | 3551,031 |
| BUTARE | 2726,826 | 172,032 | 964,801 | 2290,393 | 42,453 | 88,796 | 74,534 | 529,335 | 42,453 | 293,916 | 215,302 | 38,915 | 923,992 | 8403,748 |
| GIKONGORO | 1618,724 | 12,870 | 462,062 | 2808,576 | 34,253 | 19,298 | 72,065 | 150,855 | 23,453 | 243,580 | 212,947 | 5,291 | 432,501 | 6096,475 |
| CYANGUGU | 1534,602 | 363,409 | 510,430 | 3625,351 | 26,753 | 19,298 | 73,334 | 230,344 | 22,453 | 132,651 | 228,311 | 16,430 | 483,264 | 7266,630 |
| KIBUYE | 1996,706 | 85,006 | 391,254 | 466,480 | 30,719 | 19,643 | 73,692 | 755,242 | 22,453 | 170,182 | 215,081 | 11,758 | 380,825 | 4619,041 |
| GISENYI | 2279,531 | 277,811 | 1092,531 | 677,980 | 76,291 | 350,623 | 473,957 | 849,579 | 22,453 | 212,919 | 249,924 | 44,347 | 398,717 | 7006,663 |
| RUHENGERI | 1112,703 | 436,536 | 1087,638 | 2860,123 | 164,502 | 23,313 | 113,334 | 658,343 | 22,453 | 353,129 | 239,005 | 5,772 | 545,877 | 7622,728 |
| BYUMBA | 2815,648 | 359,273 | 860,131 | 980,806 | 85,770 | 20,673 | 74,834 | 213,321 | 23,433 | 547,786 | 248,132 | 270,611 | 391,758 | 6892,176 |
| KIBUNGO | 1173,433 | 67,216 | 769,636 | 437,880 | 58,994 | 29,725 | 74,434 | 261,777 | 22,453 | 246,623 | 253,021 | 9,472 | 545,874 | 3950,538 |
| RWANDA | 18219,934 | 7176,948 | 7881,306 | 20663,678 | 1318,188 | 2490,986 | 4069,421 | 4890,047 | 306,412 | 2753,713 | 2743,780 | 483,444 | 5189,509 | 78187,366 |

**IMBONERAHAMWE N°02: ISARANGANYA RY'IMISHINGA Y'AMAJYAMBERE Y'UMUGAMBI WA III (1982-1986) MW'IJANISHA RIKURIKIJE INZEGO Z'AKAZI MU MAPEREFEGITURA.**

| Inzego z'akazi / Perefegitura | Ubuhinzi | Inganda n'imyuga | Ingufu n'amazi | Ubwubatsi Imilimo ya Leta n'ibikoresho remezo | Ubucuruzi n'ubukerarugendo n'Amahoteli | Gutwara abantu n'ibintu no gutumanaho | Amabanki no gushyikira imilimo | Uburezi n'ubujijuke | Ubushakashatsi mu by'ubuhanga | Ubuzima | Ibikorwa mbonezamubano | Ibikorwa ndangamuco | Ibindi bikorwa | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| KIGALI | 10,45 | 23,47 | 5,55 | 23,67 | 3,40 | 8,34 | 13,02 | 4,04 | 0,36 | 1,41 | 2,90 | 0,24 | 3,15 | 100 |
| GITARAMA | 16,38 | 1,59 | 13,50 | 31,64 | 0,75 | 0,54 | 2,10 | 8,88 | 0,63 | 6,53 | 6,36 | 0,73 | 10,37 | 100 |
| BUTARE | 32,45 | 2,05 | 11,48 | 27,25 | 0,51 | 1,06 | 0,88 | 6,30 | 0,51 | 3,50 | 2,56 | 0,46 | 10,99 | 100 |
| GIKONGORO | 26,55 | 0,21 | 7,59 | 46,06 | 0,56 | 0,32 | 1,18 | 2,47 | 0,39 | 3,99 | 3,49 | 0,08 | 7,09 | 100 |
| CYANGUGU | 21,12 | 5,00 | 7,02 | 49,89 | 0,37 | 0,27 | 1,01 | 3,17 | 0,30 | 1,83 | 3,14 | 0,23 | 6,65 | 100 |
| KIBUYE | 43,25 | 1,84 | 8,47 | 10,10 | 0,66 | 0,43 | 1,60 | 16,35 | 0,49 | 3,68 | 4,66 | 0,25 | 8,24 | 100 |
| GISENYI | 32,53 | 3,97 | 15,59 | 9,68 | 1,09 | 5,00 | 6,76 | 12,13 | 0,32 | 3,04 | 3,57 | 0,63 | 5,69 | 100 |
| RUHENGERI | 14,60 | 5,73 | 14,27 | 37,52 | 2,16 | 0,31 | 1,49 | 8,64 | 0,29 | 4,63 | 3,13 | 0,07 | 7,16 | 100 |
| BYUMBA | 40,85 | 5,21 | 12,50 | 14,23 | 1,24 | 0,30 | 1,08 | 3,09 | 0,34 | 7,95 | 3,60 | 3,93 | 5,68 | 100 |
| KIBUNGO | 29,70 | 1,70 | 19,50 | 11,08 | 1,49 | 0,75 | 1,88 | 6,63 | 0,57 | 6,24 | 6,40 | 0,24 | 13,82 | 100 |
| RWANDA | 23,30 | 9,18 | 10,08 | 26,43 | 1,69 | 3,19 | 5,20 | 6,25 | 0,39 | 3,52 | 3,51 | 0,62 | 6,64 | 100 |

IMBONERAHAMWE N°03: ISARANGANYA RY'IMISHINGA Y'AMAJYAMBERE MU GIHE CY'UMUGAMBI WA III (1982-1986) MW'IJANISHA RIKURIKIJE URUHARE RWA BURI PREFEGITURA MU NZEGO Z'AKAZI.

| Inzego z'akazi / Perefegitura | Ubuhinzi | Inganda n'imyuga | Ingufu n'amazi | Ubwubatsi Imilimo ya Leta n'ibikoresho remezo | Ubucuruzi n'ubukerarugendo n'Amahoteli | Gutwara abantu n'ibintu no gutumanaho | Amabanki no gushyigikira imilimo | Uburezi n'ubujijuke | Ubushakashatsi mu by'ubuhanga | Ubuzima | Ibikorwa mboneza mubano | Ibikorwa ndangamuco | Ibindi bikorwa | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| KIGALI | 13,06 | 74,49 | 16,04 | 26,10 | 58,54 | 76,30 | 72,85 | 18,93 | 26,88 | 11,66 | 23,92 | 11,35 | 13,85 | 29,13 |
| GITARAMA | 3,19 | 0,79 | 6,08 | 5,44 | 2,03 | 0,77 | 1,83 | 6,45 | 7,33 | 8,42 | 8,22 | 5,38 | 7,10 | 4,54 |
| BUTARE | 14,97 | 2,40 | 12,24 | 11,08 | 3,22 | 3,56 | 1,77 | 10,82 | 13,85 | 10,67 | 7,86 | 8,05 | 17,80 | 10,75 |
| GIKONGORO | 8,88 | 0,18 | 5,86 | 13,59 | 2,60 | 0,77 | 1,80 | 3,09 | 7,65 | 8,85 | 7,76 | 1,09 | 8,33 | 7,80 |
| CYANGUGU | 8,42 | 5,06 | 6,48 | 17,54 | 2,03 | 0,77 | 1,81 | 4,71 | 7,33 | 4,82 | 8,32 | 3,40 | 9,31 | 9,30 |
| KIBUYE | 10,96 | 1,18 | 4,96 | 2,26 | 2,33 | 0,79 | 1,82 | 15,45 | 7,33 | 6,18 | 7,84 | 2,43 | 7,34 | 5,91 |
| GISENYI | 12,51 | 3,87 | 13,86 | 3,28 | 5,79 | 14,08 | 11,66 | 17,38 | 7,33 | 7,73 | 9,11 | 9,17 | 7,68 | 8,96 |
| RUHENGERI | 6,11 | 6,08 | 13,80 | 13,84 | 12,48 | 0,94 | 2,79 | 13,46 | 7,33 | 12,82 | 8,71 | 1,19 | 10,52 | 9,75 |
| BYUMBA | 15,45 | 5,01 | 10,91 | 4,75 | 6,51 | 0,83 | 1,84 | 4,36 | 7,64 | 19,89 | 9,04 | 55,98 | 7,55 | 8,81 |
| KIBUNGO | 6,45 | 0,94 | 9,77 | 2,12 | 4,47 | 1,19 | 1,83 | 5,35 | 7,33 | 8,96 | 9,22 | 1,96 | 10,52 | 5,05 |
| RWANDA | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 | 100 |